

AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI
MUKURU N° 003/MINES/RMB/2019
YO KU WA 18/07/2019 AGENA
IBIKUBIYE MU MPUSHYA ZO
GUTUNGANYA NO GUCURUZA
AMABUYE Y'AGACIRO N'UBURYO
ZITANGWA

REGULATIONS OF THE CHIEF
EXECUTIVE OFFICER N°
003/MINES/RMB/2019 OF 18/07/2019
DETERMINING THE CONTENT OF
MINERAL PROCESSING AND
TRADING LICENCES AND
MODALITIES OF THEIR
GRANTING

RÈGLEMENTS DU DIRECTEUR
GÉNÉRAL EN CHEF N°
003/MINES/RMB/2019 DU 18/07/2019
DÉTERMINANT LE CONTENU DES
PERMIS DE TRAITEMENT ET DE
COMMERCE DES MINÉRAIS ET
LES MODALITÉS DE LEUR OCTROI

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza
agamije

Article One: Purpose of these
Regulations

Article premier: Objet des présents
règlements

Ingingo ya 2: Ibisobanuro
by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

UMUTWE WA II: UBURYO BWO
GUTANGA URUHUSHYA RWO
GUTUNGANYA AMABUYE
Y'AGACIRO

CHAPTER II: MODALITIES FOR
GRANTING A MINERAL
PROCESSING LICENCE

CHAPITRE II: MODALITÉS
D'OCTROI DE PERMIS DE
TRAITEMENT DES MINÉRAIS

Ingingo ya 3: Gusaba uruhushya rwo
gutunganya amabuye y'agaciro

Article 3: Application for a mineral
processing licence

Article 3: Demande de permis de
traitement des éerais

Ingingo ya 4: Gufata icyemezo ku
busabe

Article 4: Decision making on the
application

Article 4: Prise de décision sur la
demande

Ingingo ya 5: Gutanga uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Article 5: Granting a mineral processing licence

Article 5: Octroi de permis de traitement des minerais

Ingingo ya 6: Uburenganzira bw'uhawe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Article 6: Rights of a holder of a mineral processing licence

Article 6: Droits d'un titulaire d'un permis de traitement des minerais

Ingingo ya 7: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Article 7: Obligations of a holder of a mineral processing licence

Article 7: Obligations d'un titulaire d'un permis de traitement des minerais

UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGA URUHUSHYA RWO GUCURUZA AMABUYE Y'AGACIRO

CHAPTER III: MODALITIES FOR GRANTING A MINERAL TRADING LICENCE

CHAPITRE III: MODALITÉS D'OCTROI DE PERMIS DE COMMERCE DES MINERAIS

Ingingo ya 8: Ubusabe bw'uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Article 8: Application for a mineral trading licence

Article 8: Demande de permis de commerce des minerais

Ingingo ya 9: Gufata icyemezo ku busabe

Article 9: Decision making on the application

Article 9: Prise de décision sur la demande

Ingingo ya 10: Gutanga uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Article 10: Granting a mineral trading licence

Article 10: Octroi de permis de commerce des minerais

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UWAHAWA URUHUSHYA RWO GUCURUZA AMABUYE Y'AGACIRO

CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF A HOLDER OF A MINERAL TRADING LICENCE

CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS D'UN TITULAIRE D'UN PERMIS DE COMMERCE DES MINERAIS

Ingingo ya 11: Uburenganziza bw'uwahawe uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Article 11: Rights of a holder of a mineral trading licence

Article 11: Droits d'un titulaire d'un permis de commerce des minerais

Ingingo ya 12: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Article 12: Obligations of a holder of a mineral trading licence

Article 12: Obligations d'un titulaire d'un permis de commerce des minerais

UMUTWE WA V: AMAFARANGA YISHYURWA KU MPUSHYA ZO GUTUNGANYA NO GUCURUZA AMABUYE Y'AGACIRO

CHAPTER V: FEES APPLICABLE TO MINERAL PROCESSING AND TRADING LICENCES

CHAPITRE V: FRAIS APPLICABLES AUX PERMIS DE TRAITEMENT ET DE COMMERCE DES MINERAIS

Ingingo ya 13: Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Article 13: Fees paid for a mineral processing licence

Article 13: Frais payés pour un permis de traitement des minerais

Ingingo ya 14: Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Article 14: Fees paid for a mineral trading licence

Article 14: Frais payés pour un permis de commerce de minerais

Ingingo ya 15: Uburyo bwo kwishyura

Article 15: Payment modalities

Article 15: Modalités de paiement

UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 16: Guhuza n'aya mabwiriza

Article 16: Harmonisation with these Regulations

Article 16: Harmonisation avec les présents règlements

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Article 17: Repealing provision

Article 17: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 18: Igihe aya amabwiriza atangirira gukurikizwa

Article 18: Commencement

Article 18: Entrée en vigueur

AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI MUKURU N° 003/MINES/RMB/2019 YO KU WA 18/07/2019 AGENA IBIKUBIYE MU MPUSHYA ZO GUTUNGANYA NO GUCURUZA AMABUYE Y'AGACIRO N'UBURYO ZITANGWA

REGULATIONS OF THE CHIEF EXECUTIVE OFFICER N° 003/MINES/RMB/2019 OF 18/07/2019 DETERMINING THE CONTENT OF MINERAL PROCESSING AND TRADING LICENCES AND MODALITIES OF THEIR GRANTING

RÈGLEMENTS DU DIRECTEUR GÉNÉRAL EN CHEF N° 003/MINES/RMB/2019 DU 18/07/2019 DÉTERMINANT LE CONTENU DES PERMIS DE TRAITEMENT ET DE COMMERCE DES MINÉRAIS ET LES MODALITÉS DE LEUR OCTROI

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda,

The Chief Executive Officer of Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board,

Le Directeur Général en Chef de l'Office Rwandais des Mines, du Pétrole et du Gaz,

Hashingiwe ku Itegeko n° 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20 n'ya 21;

Pursuant to Law n° 58/2018 of 13/08/2018 on mining and quarry operations, especially in Articles 20 and 21;

Vu la Loi n° 58/2018 du 13/08/2018 portant exploitation des mines et carrières, spécialement en ses articles 20 et 21;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 07/06/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 07/06/2019;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 07/06/2019;

ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:

ISSUES THE FOLLOWING REGULATIONS:

ÉMET LES RÈGLEMENTS SUIVANTS:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these Regulations

Article premier: Objet des présents règlements

Aya mabwiriza agena:

These Regulations determine:

Les présents règlements déterminent:

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

- 1 ° ibigize uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro;
- 2 ° ibigize uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro;
- 3 ° ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro n'uburyo rutangwa;
- 4 ° ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro n'uburyo rutangwa.

- 1 ° the content of a mineral processing licence;
- 2 ° the content of a mineral trading licence;
- 3 ° requirements for granting a mineral processing licence and modalities of its granting;
- 4 ° requirements for granting a mineral trading licence and modalities of its granting;

- 1 ° le contenu d'un permis de traitement des minerais;
- 2 ° le contenu d'un permis de commerce des minerais;
- 3 ° les conditions requises pour l'octroi de permis de traitement des minerais et les modalités de son octroi;
- 4 ° les conditions d'octroi de permis de commerce des minerais et les modalités de son octroi;

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1 ° **gucuruza:** gucuruza amabuye y'agaciro, harimo kugura amabuye y'agaciro ku bahawe impushya zo gucukua cyangwa gutunganya amabuye y'agaciro, kugurisha amabuye y'agaciro ku bantu babihereye uruhushya no gutumiza no kuhereza mu mahanga amabuye y'agaciro;

Article 2: Definitions

In these Regulations, the following terms have the following meanings:

- 1 ° **trading:** dealing in minerals, including buying minerals from holders of mining or mineral processing licences, selling minerals to licenced persons and importation and exportation of minerals;

Article 2: Définitions

Dans les présents règlements, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1 ° **commerce:** transaction en rapport avec les minerais, y compris leur achat auprès des titulaires des permis d'exploitation minière ou de traitement des minerais, la vente de minerais aux titulaires des permis et l'importation et l'exportation des minerais;

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

2° **gutunganya:** igikorwa cyose gituma habaho gukata, gusena, gushongesha, gutunganyiriza mu ruganda cyangwa gukoresha amabuye y'agaciro hagamijwe gukora ibindi biyakomokaho mu ruganda ruyatunganya;

3° **Inama y'Ubutegets:** Inama y'Ubutegets y'Urwego rwa Leta rushinzwe mine na kariyeri;

4° **Umuyobozi Mukuru:** Umuyobozi w'Urwego rwa Leta rufite mine mu nshingano zarwo;

5° **Urwego:** Urwego rwa Leta rufite mine na kariyeri mu nshingano zarwo;

2° **processing:** any activity which leads to cutting, polishing, smelting, refining and consumption or utilisation of minerals for creation of new products in any downstream industry;

3° **Board of Directors:** Board of Directors of the public entity in charge of mines and quarries;

4° **Chief Executive Officer:** Head of a public entity in charge of mines;

5° **Organ:** a public entity in charge of mines and quarries;

2° **traitement:** toute activité conduisant à couper, polir, fondre, raffiner et à consommer ou à utiliser des minerais pour la création de nouveaux produits dans une industrie de raffinage;

3° **Conseil d'Administration:** Conseil d'Administration de l'entité publique ayant des mines et carrières dans ses attributions;

4° **Directeur Général en Chef:** le responsable de l'entité publique ayant les mines dans ses attributions;

5° **Organe:** entité publique ayant les mines et carrières dans ses attributions;

MUTWE WA II: UBURYO BWO GUTANGA URUHUSHYA RWO GUTUNGANYA AMABUYE Y'AGACIRO

Ingingo ya 3: Gusaba uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Ubusabe bw'uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro bushyikirizwa

CHAPTER II: MODALITIES FOR GRANTING A MINERAL PROCESSING LICENCE

Article 3: Application for a mineral processing licence

An application for a mineral processing licence is submitted to the Chief Executive

CHAPITRE II: MODALITÉS D'OCTROI DE PERMIS DE TRAITEMENT DES MINERAIS

Article 3: Demande de permis de traitement des minerais

La demande de permis de traitement des minerais est adressée au Directeur Général

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

Umuyobozi Mukuru hakoreshejwe ifishi iri ku mugereka wa IV w'aya mabwiriza.	Officer in the form prescribed in Annex IV of these Regulations.	en Chef en utilisant le formulaire prescrit à l'annexe IV des présents règlements.
Ifishi y'ubusabe iherekezwa n'innyandiko zikurikira:	The application form is submitted together with the following documents:	Le formulaire de demande est accompagné des documents suivants:
1 ° icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi cy'usaba;	1 ° the applicant's business registration certificate;	1 ° le certificat d'enregistrement commercial du demandeur;
2 ° umwirondoro w'usaba;	2 ° the profile of the applicant;	2 ° le profil du demandeur;
3 ° gahunda y'ibikorwa y'usaba uruhushya;	3 ° the applicant's business plan;	3 ° le plan d'activités du demandeur;
4 ° icyemezo cy'uko nta mwenda w'imisoro arimo;	4 ° tax clearance certificate;	4 ° l'attestation de non créance fiscale;
5 ° gihamya y'ubushobozi mu by'imari bwo gukora ibikorwa byo gutunganya amabuye y'agaciro;	5 ° proof of financial capacity to carry out the mineral processing activities;	5 ° la preuve de la capacité financière de mener les activités de traitement des minerais;
6 ° gihamya y'ubushobozi mu bya tekini bwo gukora ibikorwa byo gutunganya amabuye y'agaciro;	6 ° proof of technical capacity to carry out the mineral processing activities;	6 ° la preuve de la capacité technique de mener les activités de traitement des minerais;
7 ° andi makuru cyangwa inyandiko bishobora gusabwa n'Umuyobozi Mukuru.	7 ° any other relevant information or document as may be required by the Chief Executive Officer.	7 ° toute autre information ou document pertinent que le Directeur Général en Chef peut requérir.

Ingingo ya 4: Gufata icyemezo ku busabe

Umuyobozi Mukuru afata icyemezo ku busabe bw'uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uherye ku muni dosiye y'ubusabe yuzuye yakiriwe n'Urwego.

Iyo ubusabe bw'uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo butemewe, uwasabye ashobora kujuririra Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku muni yamenyesheshweho icyemezo cyafashwe.

Ingingo ya 5: Gutanga uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Iyo Umuyobozi Mukuru yemeye ubusabe bw'usaba uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro, arumuha akoresheje ifishi iri ku mugereka wa V w'aya mabwiriza.

Uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro rumara imyaka irindwi (7) ishobora kongerwa bitewe n'uko uwaruhawe yubahirije ibirukubiyemo n'amategeko abigenga.

Article 4: Decision making on the application

The Chief Executive Officer takes decision on the application of a mineral processing licence within sixty (60) days from the date of receipt of a complete application file by the Organ.

Where the application for a licence referred to under Paragraph One of this Article is rejected, the applicant may appeal to the Board of Directors within fifteen (15) days from the date on which he or she was notified of the decision taken.

Article 5: Granting a mineral processing licence

Where the Chief Executive Officer approves the application for a mineral processing licence, he or she grants a licence to the applicant in the form prescribed in Annex V of these Regulations.

A mineral processing license is granted for a period of seven (7) years renewable subject to the holder's compliance with the terms of the licence and relevant laws.

Article 4: Prise de décision sur la demande

Le Directeur Général en Chef prend la décision sur la demande de permis de traitement des minerais endéans soixante (60) jours à compter de la date de réception d'un dossier de demande complet par l'Organe.

Lorsque la demande de permis visé à l'alinéa premier du présent article est rejetée, le demandeur peut faire appel auprès du Conseil d'Administration endéans quinze (15) jours, à partir de la date à laquelle la décision lui a été notifiée.

Article 5: Octroi de permis de traitement des minerais

Lorsque le Directeur Général en Chef approuve la demande de permis de traitement des minerais, il l'octroie au demandeur en utilisant le formulaire prescrit à l'annexe V des présents règlements.

Un permis de traitement des minerais est accordé pour une période de sept (7) ans renouvelables sous réserve du respect des termes du permis et la législation en la matière par le titulaire.

Ingingo ya 6: Uburenganzira bw'uhawe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Uwahawe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro afite uburenganzira bukurikira:

- 1 ° kugura amabuye y'agaciro n'abahawe impushya zo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa abahawe impushya zo gucuruza amabuye y'agaciro;
- 2 ° kugurisha cyangwa kohereza mu mahanga amabuye y'agaciro yatunganyijwe cyangwa ibikomoka ku mabuye y'agaciro;
- 3 ° gutumiza mu mahanga amabuye y'agaciro hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 7: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Uwahawe uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro afite inshingano zikurikira:

- 1 ° kugaragaza inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije

Article 6: Rights of a holder of a mineral processing licence

A holder of a mineral processing licence has the following rights:

- 1 ° to purchase minerals from holders of mining licences or mineral trading licences;
- 2 ° to sell or export processed minerals or products derived from minerals;
- 3 ° to import minerals in accordance with relevant laws.

Article 7: Obligations of a holder of a mineral processing licence

A holder of a mineral processing licence has the following obligations:

- 1 ° to present environmental and social impact assessment prior to the

Article 6: Droits d'un titulaire d'un permis de traitement des minerais

Un titulaire d'un permis de traitement des minerais a les droits suivants:

1. acheter des minerais aux titulaires des permis d'exploitation minière ou des permis de commerce des minerais;
2. vendre ou exporter des minerais transformés ou des produits dérivés des minerais;
3. importer des minerais conformément à la législation en la matière.

Article 7: Obligations d'un titulaire d'un permis de traitement des minerais

Un titulaire d'un permis de traitement des minerais a les obligations suivantes:

- 1 ° présenter l'étude de l'impact environnemental et social avant de

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

n'imibereho myiza y'abaturage mbere yo gutangira imirimo yo gutunganya amabuye y'agaciro;	commencement of processing operations;	démarrer les activités de traitement des minerais;
2° kwishyura imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga;	2° to pay taxes and fees in accordance with relevant laws;	2° payer les imptôts et taxes conformément à la législation en la matière;
3° gukora ibikorwa byose birebena na banki n'iherekanya ry'amafaranga bifitanye isano n'ibikorwa byo gutunganya amabuye y'agaciro binyuze mu bigo by'imari bikorera mu Rwanda;	3° to conduct all banking and financial transactions relating to mineral processing activities through financial institutions operating in Rwanda;	3° effectuer toutes les transactions bancaires et financières liées aux activités de traitement des minerais par voie des institutions financières opérant au Rwanda;
4° kubika inyandiko z'amasezerano cyangwa iz'ubucuruzi yagiranye n'abacukura, abagemura, abagura, abashongesha, abayungurura, inganda n'amabanki kimwe na raporo z'isuzuma n'inyandiko za gasutamo;	4° to keep records of contracts or transactions with miners, suppliers, buyers, smelters, refineries, banks as well as assay reports and customs records;	4° tenir des documents des contrats ou des transactions avec des mineurs, des fournisseurs, des acheteurs, des fondeurs, des raffineries, des banques ainsi que des rapports d'analyse et des documents douaniers;
5° kwemerera abakozi babifitiye ububasha kugenzura inyubako no kureba mu nyandiko z'uwahawe uruhushya;	5° to allow authorised officers to inspect holder's facilities and documents;	5° permettre aux agents autorisés d'avoir accès aux installations et aux documents du titulaire du permis pour inspection;
6° gutanga raporo ya buri gihembwe hakoreshejwe ifishi iri mu mugereka wa VI w'aya mabwiriza;	6° to submit a quarterly report in the form prescribed in Annex VI of these Regulations;	6° transmettre un rapport trimestriel en utilisant le formulaire prescrit à l'annexe VI des présents règlements;

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

7° gushyikiriza Umuyobozi Mukuru cyangwa laboratwari yagenwe urugerofatizo ku mabuye y'agaciro yose agomba koherezwa mu mahanga;

8° gufungura no gukoresha konti y'amafaranga y'u Rwanda n'amanyamahanga mu bigo by'imari bikorera mu Rwanda mu bikorwa bye.

7° to submit to the Chief Executive Officer or a designated laboratory a sample of any minerals to be exported;

8° to open and operate local and foreign currency accounts in financial institutions operating in Rwanda for his or her activities.

7° transmettre au Directeur Général en Chef ou à un laboratoire désigné un échantillon de tous les minerais à être exportés;

8° ouvrir et utiliser des comptes en monnaie locale et devises dans les institutions financières opérant au Rwanda pour ses activités.

UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGA URUHUSHYA RWO GUCURUZA AMABUYE Y'AGACIRO

CHAPTER III: MODALITIES FOR GRANTING A MINERAL TRADING LICENCE

CHAPITRE III: MODALITÉS D'OCTROI DE PERMIS DE COMMERCE DES MINERAIS

Ingingo ya 8: Ubusabe bw'uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Article 8: Application for a mineral trading licence

Article 8: Demande de permis de commerce des minerais

Ubusabe bw'uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro bushyikirizwa Umuyobozi Mukuru. Imiterere n'ibikubiye mu ifishi y'ubusabe bw'uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

An application for a mineral trading licence is submitted to the Chief Executive Officer. The format and content for the application form of a mineral trading licence is in Annex I of these Regulations.

La demande de permis de commerce des minerais est adressée au Directeur Général en Chef. Le format et le contenu du formulaire de la demande de permis de commerce des minerais est en annexe I des présents règlements.

Ifishi y'ubusabe bw'uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro iherekezwa n'inyandiko zikurikira:

The application form for a mineral trading licence is submitted together with the following documents:

Le formulaire de demande de permis de commerce des minerais est accompagné des documents suivants:

1° icyemezo cy'usaba cy'iyandikisha ry'ubucuruzi mu Rwanda;

1° applicant's local business registration certificate;

1° le certificat d'enregistrement commercial local du demandeur;

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

- | | | |
|---|---|--|
| 2 ° umwirondoro w'usaba; | 2 ° profile of the applicant; | 2 ° le profil du demandeur; |
| 3 ° gahunda y'ibikorwa ry'usaba ikubiyemo gahunda y'ibikorwa bizakorwa mu gihe uruhushya ruzamara, ingengabihe yabyo, ikoranabuhanga rizakoreshwa, amafaranga n'uburyo bwo gukora ibyo bikorwa; | 3 ° applicant's business plan consisting of a schedule of activities to be carried out under the licence and corresponding timelines, technologies to be used, costs and the manner of carrying out the activities; | 3 ° le plan d'activités du demandeur contenant le calendrier des activités à exécuter en vertu du permis et les délais correspondants, les technologies à utiliser, les coûts et la façon dont ces activités seront exécutées; |
| 4 ° icyemezo cy'uko nta mwenda w'imisoro arimo; | 4 ° tax clearance certificate; | 4 ° une attestation de non créance fiscale; |
| 5 ° gihamya y'amafaranga y'u Rwanda angana n'amadorali y'Amanyamerika ibihumbi magana abiri na mirongo itanu (US\$ 250,000) ari muri banki yo mu Gihugu nka gihamya cy'uko usaba afite ubushobozi mu by'imari bwo gukora ibikorwa by'uburuzi; | 5 ° proof of an amount of the Rwandan francs equivalent of two hundred and fifty thousand United States dollars (US\$ 250,000) held in a local bank as a proof of the applicant's financial capacity to carry out the trading activities; | 5 ° la preuve d'un montant en francs rwandais équivalent à deux cent cinquante mille (US\$ 250,000) dollars américains tenu dans une banque locale prouvant la capacité financière du demandeur à mener à bien les activités commerciales; |
| 6 ° indi nyandiko yasabwa n'Umuyobozi Mukuru. | 6 ° any other document required by the Chief Executive Officer. | 6 ° tout autre document requis par le Directeur Général en Chef. |

Ingingo ya 9: Gufata icyemezo ku busabe

Umuyobozi Mukuru afata icyemezo ku busabe bw'uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uherye ku munsu

Article 9: Decision making on the application

The Chief Executive Officer takes decision on the application of a mineral trading licence within sixty (60) days from the date

Article 9: Prise de décision sur la demande

Le Directeur Général en Chef prend une décision sur la demande de permis de commerce des minerais endéans soixante (60) jours à compter de la date de réception

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

dosiye y'ubusabe yuzuye yakiriwe n'Urwego.

Iyo ubusabe buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo butemewe, uwasabye ashobora kujuririra Inama y'Ubutegetsi mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsu yamenyesheshweho icyemezo cyafashwe.

Ingingo ya 10: Gutanga uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Iyo Umuyobozi Mukuru yemeye ubusabe bw'usaba uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro, aruha uwasabye akoresheje ifishi iri ku mugereka wa II w'aya mabwiriza.

Uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro rumara imyaka itanu (5) ishobora kongerwa bitewe n'uko uwaruhawe yubahirije ibikubiye muri urwo ruhushya n'amategeko abigenga.

of receipt of a complete application file by the Organ.

Where the application referred to under Paragraph One of this Article is rejected, the applicant may appeal to the Board of Directors within fifteen (15) days from the date he or she was notified of the decision taken.

Article 10: Granting a mineral trading licence

Where the Chief Executive Officer approves the application for a mineral trading licence, he or she grants it to the applicant in the form prescribed in Annex II of these Regulations.

A mineral trading license is granted for a period of five (5) years renewable subject to the holder's compliance with the terms of the license and relevant laws.

du dossier complet de la demande par l'Organe.

Si la demande visée à l'alinéa premier du présent article est rejetée, le demandeur peut faire recours au Conseil d'Administration endéans quinze (15) jours à compter de la date à laquelle la décision lui a été notifiée.

Article 10: Octroi de permis de commerce des minerais

Lorsque le Directeur Général en Chef approuve la demande de permis de commerce des minerais, il l'octroie au demandeur en utilisant le formulaire prescrit à l'annexe II des présents règlements.

Un permis de commerce des minerais est accordé pour une période de cinq (5) ans renouvelables sous réserve du respect des termes du permis et la législation en la matière par le titulaire.

**UMUTWE WA IV:
UBURENGANZIRA N'INSHINGANO
BY'UWAHAWE URUHUSHYA RWO
GUCURUZA AMABUYE
Y'AGACIRO**

**CHAPTER IV: RIGHTS AND
OBLIGATIONS OF A HOLDER OF A
MINERAL TRADING LICENCE**

**CHAPITRE IV: DROITS ET
OBLIGATIONS D'UN TITULAIRE
D'UN PERMIS DE COMMERCE DES
MINERAIS**

**Ingingo ya 11: Uburenganziza
bw'uwahawe uruhushya rwo gucuruza
amabuye y'agaciro**

**Article 11: Rights of a holder of a
mineral trading licence**

**Article 11: Droits d'un titulaire d'un
permis de commerce des minerais**

Uwahawe uruhushya rwo gucuruza
amabuye y'agaciro afite uburenganzira
bukurikira:

A holder of a mineral trading licence has
the following rights:

Un titulaire d'un permis de commerce des
minerais a des droits suivants:

- 1 ° kugura amabuye y'agaciro
n'abahawe impushya zo gucukura
amabuye y'agaciro cyangwa
abahawe impushya zo gutunganya
amabuye y'agaciro;
- 2 ° kugurisha amabuye y'agaciro ku
bahawe impushya zo gucuruza
amabuye y'agaciro cyangwa
abahawe impushya zo gutunganya
amabuye y'agaciro;
- 3 ° gutumiza mu mahanga amabuye
y'agaciro hakurikijwe amategeko
abigenga;
- 4 ° kohereza hanze amabuye y'agaciro
hakurikijwe amategeko abigenga;

- 1 ° to purchase minerals from holders
of mining licences or holders of
mineral processing licences;
- 2 ° to sell minerals to holders of
mineral trading licences or mineral
processing licences;
- 3 ° to import minerals in compliance
with relevant laws;
- 4 ° to export minerals in accordance
with relevant laws;

- 1 ° acheter des minerais aux titulaires
des permis d'exploitation minière
ou aux titulaires des permis de
traitement des minerais;
- 2 ° vendre des minerais aux titulaires
de permis de commerce des
minerais ou aux titulaires des
permis de traitement des minerais;
- 3 ° importer des minerais
conformément à la législation en la
matière;
- 4 ° exporter des minerais
conformément à la législation en la
matière.

Ingingo ya 12: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Uwahawe uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro afite inshingano zikurikira:

- 1 ° kubahiriza aya mabwiriza n'andi mategeko abigenga;
- 2 ° kwishyura imisoro n'amahoro biteganywa n'amategeko;
- 3 ° gukora ibikorwa byose birebena na banki n'iherekanya ry'amafaranga bifitanye isano n'ibikorwa byo gutunganya amabuye y'agaciro binyuze mu bigo by'imari bikorera mu Rwanda;
- 4 ° kubika amakuru y'inyandiko zabugenewe z'amasezerano cyangwa iz'ubucuruzi hagati ye n'abacukura, abagemura, abagura, abashongesha, abayungurura, n'amabanki kimwe na raporo z'isuzuma n'inyandiko za gasutamo;

Article 12: Obligations of a holder of a mineral trading licence

A holder of a mineral trading licence has the following obligations:

- 1 ° to comply with these Regulations and other relevant laws;
- 2 ° to pay taxes and fees provided for by laws;
- 3 ° to conduct all banking and financial transactions relating to mineral trading activities only through authorised financial institutions in Rwanda;
- 4 ° to keep proper records of contracts or transactions with miners, suppliers, buyers, smelters, refineries or banks as well as assay reports and customs records;

Article 12: Obligations d'un titulaire d'un permis de commerce des minerais

Un titulaire d'un permis de commerce des minerais a les obligations suivantes:

- 1 ° se conformer aux présents règlements et autre législation en la matière;
- 2 ° payer les impôts et taxes prévus par la législation;
- 3 ° effectuer toutes les transactions bancaires et financières liées aux activités de commerce des minerais uniquement par voie des institutions financières opérant au Rwanda;
- 4 ° tenir des documents appropriés des contrats ou des transactions avec des mineurs, des fournisseurs, des acheteurs, des fondeurs, des raffineries ou des banques ainsi que des rapports d'analyse et des documents douaniers;

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

- | | | |
|---|---|---|
| 5° kwemerera abakozi babifitiye ububasha kwinjira mu nyubako y'uwahawe uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro no kureba mu nyandiko ze hagamijwe gukora igenzura; | 5° to allow authorised officers to have access to the mineral trading licence holder's facilities and documents for inspection; | 5° permettre aux agents autorisés d'avoir accès aux installations et aux documents du titulaire du permis de commerce des minerais pour inspection; |
| 6° gushyikiriza Umuyobozi Mukuru raporo ya buri gihembwe akoresheje ifishi iri ku mugereka wa III w'aya mabwiriza; | 6° to submit to the Chief Executive Officer a quarterly report in a form prescribed in Annex III of these Regulations; | 6° ouvrir et utiliser des comptes en monnaie locale et devises dans une banque opérant au Rwanda pour les activités commerciales; |
| 7° gufungura no gukoresha konti y'amafaranga y'u Rwanda n'amanyamahanga muri banki iri mu Rwanda mu bikorwa by'ubucuruzi; | 7° to open and operate local and foreign currency accounts in a bank in Rwanda for the trading activities; | 7° transmettre au Directeur Général en Chef un rapport trimestriel en utilisant le formulaire prescrit à l'annexe III des présents règlements; |
| 8° gushyikiriza Umuyobozi Mukuru cyangwa laboratwari yagenwe urugerofatizo ku mabuye y'agaciro yose agomba koherezwa mu mahanga. | 8° to submit to the Chief Executive Officer or a designated laboratory a sample of any minerals to be exported. | 8° transmettre au Directeur Général en Chef ou à un laboratoire désigné un échantillon pour chaque type de minerais à être exportés. |

UMUTWE WA V: AMAFARANGA YISHYURWA KU MPUSHYA ZO GUTUNGANYA NO GUCURUZA AMABUYE Y'AGACIRO

CHAPTER V: FEES APPLICABLE TO MINERAL PROCESSING AND TRADING LICENCES

CHAPITRE V: FRAIS APPLICABLES AUX PERMIS DE TRAITEMENT ET DE COMMERCE DES MINERAIS

Ingingo ya 13: Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro

Article 13: Fees paid for a mineral processing licence

Article 13: Frais payés pour un permis de traitement des minerais

Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro ni aya akurikira:

Fees paid for a mineral processing licence are as follows:

Les frais payés pour un permis de traitement des minerais sont les suivants:

1 ° amafaranga adasubizwa yo gusaba uruhushya angana n'ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 FRW) adasubizwa;

1 ° non refundable licence application fees equivalent to one hundred Rwandan francs (FRW 100,000) non refundable;

1 ° les frais non remboursable de demande de permis équivalent à cent mille (100.000 FRW) francs rwandais;

2 ° amafaranga adasubizwa yo kongera igihe cy'uruhushya angana n'ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 FRW);

2 ° non refundable licence renewal fees equivalent to one hundred Rwandan francs (FRW 100,000);

2 ° les frais non remboursable de renouvellement de permis équivalent à cent mille (100.000 FRW) francs rwandais;

3 ° amafaranga yishyurwa ku ruhushya ku mwaka angana n'ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 Frw).

3 ° annual licence fees equivalent to one hundred Rwandan francs (FRW 100,000).

3 ° les redevances annuelles équivalent à cent mille (100.000 FRW) francs rwandais.

Ingingo ya 14: Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro

Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro ni aya akurikira:

- 1 ° amafaranga y'ubusabe bw'uruhushya adasubizwa angana n'ibihumbi magana abiri by'amafaranga y'u Rwanda (200.000 FRW);
- 2 ° amafaranga y'uruhushya angana n'ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 FRW)
- 3 ° amafaranga yo kongera igihe cy'uruhushya adasubizwa angana na miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW);
- 4 ° amafaranga atangwa ku ruhushya ku mwaka angana na miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 FRW).

Ingingo ya 15: Uburyo bwo kwishyura

Amafaranga avugwa mu ngingo ya 13 n'ya 14 z'aya mabwiriza ashirwa kuri konti ya Leta.

Article 14: Fees paid for a mineral trading licence

Fees paid for a mineral trading licence are as follows:

- 1 ° non-refundable application fee equivalent to two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000);
- 2 ° licence fees equivalent to one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100, 000);
- 3 ° non-refundable licence renewal fees equivalent to one million Rwandan francs (FRW 1,000,000);
- 4 ° annual licence fees equivalent to five million Rwandan francs (RW 5,000,000).

Article 15: Payment modalities

Fees referred to under Article 13 and 14 of these Regulations are deposited on the State's account.

Article 14: Frais payés pour un permis de commerce de minerais

Les frais payés pour un permis de commerce des minerais sont les suivants:

- 1 ° les frais non remboursables de demande de permis équivalant à deux cents mille (200.000 FRW) francs rwandais;
- 2 ° les frais de permis équivalant à cent mille (100.000 FRW) francs rwandais;
- 3 ° les frais non remboursables de renouvellement de permis équivalant à un million (1.000.000 FRW) de francs rwandais.
- 4 ° les redevances annuelles équivalent à cinq millions (5.000. 000 FRW) de francs rwandais.

Article 15: Modalités de paiement

Les frais visés à l'article 13 et 14 des présents règlements sont déposés sur le compte de l'État.

Amafaranga yishyurwa ku ruhushya ku mwaka yishyurwa bitarenze umunsi wa mirongo itatu n'umwe (31) Ukuboza w'umwaka ukurikiye.

The annual licence fees are paid by the thirty-first (31st) day of December of the following year.

Les redevances annuelles sont payées au plus tard le trente et un décembre de l'année suivante.

UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 16: Guhuza n'aya mabwiriza

Article 16: Harmonisation with these Regulations

Article 16: Harmonisation avec les présents règlements

Impushya zo gucuruza amabuye y'agaciro zari zaratanzwe zikomeza kugira agaciro kugeza igihe zagenewe kumara kirangiye.

The existing mineral trading licences remain valid until the expiry date.

Les permis de commerce des minerais en vigueur restent valides jusqu'à la date de leur expiration.

Icyakora, kongera igihe cy'impushya zo gutunganya no gucuruza amabuye y'agaciro bikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

However, renewal of mineral trading and processing licences is done in accordance with the provisions of these Regulations.

Toutefois, le renouvellement des permis de traitement et de commerce des minerais est fait conformément aux dispositions des présents règlements.

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Article 17: Repealing provision

Article 17: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

All prior provisions contrary to these Regulations are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présents règlements sont abrogées.

Ingingo ya 18: Igihe aya amabwiriza atangirira gukurikizwa

Article 18: Commencement

Article 18: Entrée en vigueur

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

These Regulations come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Les présents règlements entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

Kigali, ku wa 18/07/2019

(sé)
GATARE Francis
Umuyobozi mukuru
w'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi
mu Rwanda

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango
cya Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru
ya Leta

Kigali, on 18/07/2019

(sé)
GATARE Francis
Chief Executive Officer of
Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 18/07/2019

(sé)
GATARE Francis
Directeur Général en Chef de
l'Office Rwandais des Mines, du Pétrole
et du Gaz

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA I
W'AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI
MUKURU N° 003/MINES/RMB/2019
YO KU WA 18/07/2019 AGENA
IBIKUBIYE MU MPUSHYA ZO
GUTUNGANYA NO GUCURUZA
AMABUYE Y'AGACIRO N'UBURYO
ZITANGWA**

**ANNEX I TO REGULATIONS OF
THE CHIEF EXECUTIVE OFFICER
N° 003/MINES/RMB/2019 OF
18/07/2019 DETERMINING
CONTENTS OF MINERAL
PROCESSING AND TRADING
LICENCES AND MODALITIES OF
THEIR GRANTING**

**ANNEXE I AUX RÈGLEMENTS DU
DIRECTEUR GÉNÉRAL EN CHEF N°
003/MINES/RMB/2019 DU
18/07/2019 DÉTERMINANT LE
CONTENU DES PERMIS DE
TRAITEMENT ET DE COMMERCE
DES MINÉRAIS ÉRAUX ET LES
MODALITÉS DE LEUR OCTROI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA



IKIGO GISHINZWE MINE, PETEROLI NA GAZI MU RWANDA
AGASANDUKA K'IPOSITA: 937, KIGALI

IFISHI ISABA URUHUSHYA RWO GUCURUZA AMABUYE Y'AGACIRO

NIMERO YA DOSIYE	
------------------	--

1.	Izina ry'usaba			
2.	Icyiciro usaba abarizwamo	Sosiyete y'ubucuruzi <input type="checkbox"/>	Koperative	<input type="checkbox"/>
3.	TIN N°			
4.	Ufite imigabane	Mu Gihugu:	Hanze y'Igihugu:	
5.	Urutonde rw'amabuye y'agaciro agomba gucuruzwa	1.	2.	
		3.	4.	
		5.	6.	
6.	Aho usaba ashaka gukorera			
7.	Aho usaba abarizwa:			
	Telefone:			
	Fagisi:			

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

Email:			
Urubuga rwa interineti:			
7.	Amafaranga yose hamwe yo gukora ubucuruzi (US\$)		
IMIGEREKA		Yashyizweho	
Umugereka	Inyandiko	Yego	Oya
1	Icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi		
2.	Umwirondoro w'usaba		
3.	Gahunda y'ibikorwa by'usaba ikubiyemo gahunda y'ibikorwa bizakorwa mu gihe uruhushya ruzamara, ingengabihe yabyo, ikoranabuhanga rizakoreshwa, amafaranga n'uburyo bwo gukora ibyo bikorwa		
4.	Icyemezo cya RRA kigaragaza ko nta mwenda usaba arimo		
5.	Icyemezo cy'amafaranga y'u Rwanda angana n'amadorali y'Amanyamerika ibihumbi magana abiri na mironko itanu (US\$ 250,000) ari mu kigo cy'imari mu Gihugu, nka gihamya cy'uko usaba afite ubushobozi mu by'imari bwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro		
6.	Gahunda y'itangwa ry'akazi		
7.	Inyemezabwishyu y'amafaranga y'ubusabe adasubizwa		
INDAHIRO			
<p>Ndahiye ko amakuru yatanzwe haruguru ari ukuri.</p> <p>Nzi neza ko Ingingo ya 59 y'Itegeko n° 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, iteganya ko umuntu wese utanga amakuru atari ukuri agamije kwihesha uruhushya rutangwa kuri iri tegeko aba akoze icyaha kandi ko iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).</p>			
Izina ry'Umuyobozi	Umukono	Kashi/ikirango cya sosiyete y'ubucuruzi	Itariki

REPUBLIC OF RWANDA



MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD
P.O.BOX: 937, KIGALI

FORM FOR APPLICATION FOR A MINERAL TRADING LICENCE

APPLICATION NUMBER	
--------------------	--

1.	Name of the applicant				
2.	Category of the applicant	Company <input type="checkbox"/>	Co-operative <input type="checkbox"/>		
3.	TIN N°				
4.	Shareholding	Local:		Foreign:	
5.	List of minerals to be traded	1.	2.		
		3.	4.		
		5.	6.		
6.	Proposed areas of operation by the applicant				
7.	Registered Address:				
	Tel:				
	Fax:				
	E-mail:				
	Website:				

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

7.	Total amount available for trading (US\$)		
ANNEXES		Attached	
Annex	Items	Yes	No
1	Business registration certificate		
2.	Profile of applicant		
3.	Business plan consisting of a schedule of activities to be carried out under the licence and corresponding timelines, technologies to be used, costs and the manner of carrying out the activities		
4.	Tax clearance certificate (issued by RRA)		
